REPUBLIC OF RWANDA

Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside

-CNLG-

ITANGAZO RIREBA IBIKORWA BYO KWIBUKA26 JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU TURERE

Hashingiwe ku mabwiriza ya Guverinoma y'u Rwanda yo kwirinda icyorezo cya Koronavirus;

Hashingiwe ku cyemezo cy'Inama y'Abaminisitiri Idasanzwe yo ku wa 01 mata 2020, yateranye hifashishijwe ikoranabuhanga, igafata icyemezo cyo gukomeza ingamba zo gukumira icyorezo cya Koronavirus, yongereye igihe cyo gukurikiza izo ngamba ho iminsi cumi n'itanu (15), kikaba kizageza ku cyumweru tariki ya 19 Mata 2020, saa tanu n'iminota 59 z'ijoro (23:59);

Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside (CNLG) iributsa ko, nkuko yakomeje kubitangaza, ibikorwa byo Kwibuka26 Jenoside yakorewe Abatutsi bizakorwa hubahirijwe amabwiriza yo kwirinda icyorezo cya Koronavirus, hakaba habaye impinduka ebyiri (2) ku mabwiriza ya CNLG yo kwibuka26 Jenoside yakorewe Abatutsi yatanzwe ku wa 29 werurwe 2020:

1) Igikorwa cyo gutangiza icyumweru cy'icyunamo **mu Turere, ku wa 7 mata 2020 mu gitondo, cyari giteganyijwe gukorwa n'itsinda rito ntakizaba**. Abaturage bose bazakora ibikorwa byo kwibuka bari mu ngo zabo bifashishije itangazamakuru rya radiyo, televiziyo n'imbuga nkoranyambanga, bakurikire igikorwa gitangiza icyunamo kizabera ku rwibutso rwa Kigali ku Gisozi, kizakurikirwa n'ijambo nyamukuru ry'uwo munsi;
2) Igikorwa cyo gusoza icyumweru cy'icyunamo cyari giteganyijwe kubera **ku rwibutso rwa Rebero mu Karere ka Kicukiro, ku wa 13 mata 2020, mu gitondo ntakizaba**;

Tuributsa ko Gahunda zihariye z'ibikorwa byo Kwibuka26 Jenoside yakorewe Abatutsi bizanyuzwa kuri za radiyo, televiziyo n'imbuga nkoranyambaga buri munsi mu cyumweru cy'icyunamo guhera tariki 7 kugeza 13 mata 2020 kugira ngo zifashe abaturage kwibuka bari mu ngo zabo. Ibisobanuro birambuye bizatangwa mu kiganiro kizanyuzwa kuri Radio Rwanda na Radiyo z'abaturage ku cyumweru tariki 5/4/2020 kuva saa tatu za mu gitondo kugeza saa tanu.

Twibuke Twiyubaka Twubahiriza Ingamba zo Kwirinda icyorezo cya Koronavirus.

Bikorewe I Kigali ku wa 03/04/2020

Dr BIZIMANA Jean Damascene

Umunyamabanga Nshingwabikorwa, CNLG

COMMISSION NATIONALE DE LUTTE CONTRE LE GENOCIDE